

GASAKA: LITIRO 2,187 Z'IBINYOBWA BITUJUJE UBUZIRANENGE ZAMENEWE MU RUHAME



>>> SOMA PAJI YA 2

>>> SOMA PAJI YA 5

MININFRA YASABYE KWIHUTISHA IMIRIMO YO KUVUGURURA IKIRARO CYA MWOGO MBERE Y'IMVURA Y'UMUHINDO



SOMA PAJI YA 15

<<<

MU MUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA KANAMA 2026, ABATURAGE BA GASAKA BASABWE KURUSHAHO KWITA KU ISUKU NO KURWANYA IBIRIBWA N'IBINYOBWA BITUJUJE UBUZIRANENGE



>>> SOMA PAJI YA 16

ABAGORORWA 78 B'ABAGORE BAHAMIJWE IBYAHA BYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 BATANGIYE AMAHUGURWA Y'UBUMWE N'UBUDAHERANWA

GASAKA: LITIRO 2,187 Z'IBINYOBWA BITUJUJE UBUZIRANENGE ZAMENEWE MU RUHAME



Meya NIYOMWUNGERI na Visi Meya UWAMARIYA mu gikorwa cyo kumena ibinyobwa bitujuje ubuziranenge mu Murenge wa Gasaka

Ku wa 05 Kanama 2026, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madamu Agnès UWAMARIYA, ndetse n'abahagarariye Inzego z'Umutekano mu Karere, bifatanyije n'abaturage bo mu Murenge wa Gasaka mu gikorwa cyo kumena ibinyobwa bitujuje ubuziranenge. Muri iki gikorwa hamenwe ibinyobwa bingana na litiro 2,187, mu rwego rwo kurengera ubuzima bw'abaturage no kubahiriza amabwiriza yatanze n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura ubuziranenge bw'Imiti n'Ibiribwa mu Rwanda (Rwanda FDA).

Ibinyobwa byamenwe ni ibizwi nk'ibyuma, bikaba byarakozwe n'inganda zenga ibinyobwa bisembuye ziherutse gufungwa kubera kutubahiriza amabwiriza n'ibipimo by'ubuziranenge.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, yasabye abaturage kwirinda no kurwanya ikoreshwa ry'ibinyobwa n'ibiribwa bitujuje ubuziranenge, kuko bishobora kugira ingaruka ku buzima. Yabasabye kandi gutanga amakuru ku gihe igihe babonye ahakorera cyangwa ahacururizwa ibinyobwa n'ibiribwa bitujuje ubuziranenge, kugira ngo hafatwe ingamba zo kurengera ubuzima bw'abaturage.

Yaragize ati: "Turabakangurira kwirinda ibinyobwa n'ibiribwa bitujuje ubuziranenge kuko bishobora kwangiza ubuzima. Turabasaba kandi kugira uruhare mu kubirwanya, mutanga amakuru ku nzego zibishinzwe igihe mubonye ahakorera cyangwa ahacururizwa bene ibi binyobwa."

Iki gikorwa ni kimwe mu bikorwa bikomeje gukorwa mu Karere ka Nyamagabe mu rwego rwo kurengera ubuzima bw'abaturage no gukumira ikoreshwa ry'ibinyobwa n'ibiribwa bitujuje ubuziranenge.



Litiro zisaga 2000 ni zo zamenewe mu ruhame mu Murenge wa Gasaka

NYAMAGABE: ABAFATANYABIKORWA MURI WASH PROGRAM BASUZUMYE AHO GAHUNDA YO KUGEZA KU BATURAGE AMAZI MEZA, ISUKU N'ISUKURA IGEZE



Visi Meya HABIMANA mu nama yarebeye hamwe uko ibikorwa remezo by'amazi meza, isuku n'isukura bihagaze mu Karere

Ku wa 04 Kanama 2026, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, yayoboye inama yahuje abafatanyabikorwa batandukanye bagira uruhare muri Nyamagabe WASH Program, gahunda igamije guteza imbere ibikorwa byo kugeza amazi meza, isuku n'isukura ku baturage b'Akarere.

Muri iyi nama yitabiriwe na DUSINGIZUMUREMYI Eugène, Umuyobozi w'Umushinga Water for People ufatanya n'Akarere mu kugeza amazi meza, isuku n'isukura ku baturage b'Akarere ka Nyamagabe, intumwa ya Minisiteri y'Ibikorwaremezo (MININFRA) n'iy'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gukwirakwiza Amazi, Isuku n'Isukura (WASAC) n'abandi bafatanyabikorwa, hasuzumwe aho ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda rigeze, ibikorwa bimaze kugerwaho ndetse n'uruhare rw'abafatanyabikorwa mu guteza imbere serivisi z'amazi meza, isuku n'isukura mu Karere.

Abitabiriye inama kandi barebeye hamwe ibibazo n'imbogamizi bikigaragara mu kugeza izi serivisi ku baturage, hanaganirwa ku ngamba zakomeza gufatwa kugira ngo ibikorwa bya WASH birusheho gutanga umusaruro no kugera ku baturage benshi.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yaragize ati: "Gukomeza ubufatanye hagati y'Akarere n'abafatanyabikorwa ni ingenzi mu kwihutisha ibikorwa byo kugeza amazi meza, isuku n'isukura ku baturage. Turasabwa gushyira imbaraga mu gukemura imbogamizi zihari no gukomeza gukurikirana ibikorwa kugira ngo serivisi z'amazi n'isuku zitangwe ku buryo burambye."

Abafatanyabikorwa biyemeje gukomeza gukorera hamwe, gusangira amakuru no guhuza imbaraga mu gushyira ibisubizo by'imbogamizi zikigaragara, hagamijwe kunoza imibereho y'abaturage no guteza imbere ubuzima bwiza binyuze mu kubona amazi meza, isuku n'isukura.



Umuyobozi wa Water for People mu Rwanda Bwana DUSINGIZUMUREMYI ni umwe mu bitabiriye iyi nama ya WASH

NYAMAGABE GIRAWIGIRE: NYAMAGABE IRASHIMANGIRA KO KURWANYA UBUKENE BITARANGIRIRA KU GUFASHA UMUTURAGE, AHUBWO BIGOMBA NO KUMUGEZA KU KWIGIRA



Meya NIYOMWUNGERI na Visi Meya UWAMARIYA mu kwakira itsinda ryaturutse muri BRAC-UPGI

Ku wa 05 Kanama 2026, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madamu Agnès UWAMARIYA, bakiriye itsinda ryaturutse mu Mushinga BRAC-UPGI ryari kumwe n'iryaturutse muri Prevail Fund, mu ruzinduko rwari rugamije kureba uko gahunda ya Nyamagabe GiraWigire ishyirwa mu bikorwa n'umusaruro imaze gutanga mu gufasha abaturage bakennye kwikura mu bukene. Uru ruzinduko rwari rugamije kandi kureba uko abaturage bagira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ryayo.

Mu kwakira aba bashyitsi, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand NIYOMWUNGERI, yagaragaje ko Akarere kadashaka ko gahunda zigenewe abaturage bakennye zishingira gusa ku kubaha inkunga, ahubwo ko intego nyamukuru ari ukubafasha kugera ku rwego rwo kwigira no kwihaza.

Yaragize ati: “Ntabwo dushaka ko umuturage ahora ategereje gufashwa.

Intego yacu ni ukumufasha kubona ubushobozi bwo kwifasha, kwiteza imbere no kugira uruhare mu iterambere ry'urugo rwe. Iyo umuturage atangiye kwizigama, akagira icyo akora kimwinjiriza, akagura umutungo kandi akabasha kwishyurira abana be ibikenewe, tuba tugeze ku ntego ya yacu ya GiraWigire.”

Meya NIYOMWUNGERI yagaragaje kandi ko uruhare rw'Akarere atari ugushyira gahunda ku rupapuro gusa, ahubwo ari ugukora ibishoboka byose kugira ngo ibikorwa bigere ku baturage kandi bikurikiranwe kugeza bigaragaje impinduka.

Aba bashyitsi basuye Nyamagabe Graduation Hub, ibiro bishinzwe guhuza no gukurikirana ibikorwa bya gahunda ya Nyamagabe GiraWigire.

Aha, basobanuriwe uburyo amakuru ku bagenerwabikorwa akusanywa kandi agakoreshwa mu gukurikirana intambwe buri rugo rutera, guhuza ibikorwa bitandukanye no gutanga amahugurwa agamije kubongerera ubushobozi.

Uruzinduko rwakomereje mu Murenge wa Kibirizi, aho itsinda ryagiranye ibiganiro n'Abajyanama b'Imibereho Myiza n'Iterambere, bazwi nka Para-Social Workers.

Mu Murenge wa Kibirizi, basuye kandi itsinda ryo kwizigama ndetse n'imiryango ibiri iri muri gahunda ya Nyamagabe GiraWigire,

MININFRA YASABYE KWIHUTISHA IMIRIMO YO KUVUGURURA IKIRARO CYA MWOGO MBERE Y'IMVURA Y'UMUHINDO



Umunyamabanga wa Leta muri MININFRA, Colonel BIZIMUNGU yasabye ko imirimo yo kuvugurura Ikiraro cya Mwogo yihutishwa

Ku wa 06 Kanama 2026, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA), Colonel Claudien BIZIMUNGU, yasabye rwiyekezamirimo uri kuvugurura Ikiraro cya Mwogo kwihutisha imirimo, kugira ngo imvura nyinshi iteganyijwe muri Nzeri itazahungabanya imigenderanire n'ubuhahirane hagati y'Uturere twa Nyamagabe, Nyanza na Ruhango iki Kiraro gihuza.

Ibi yagarutseho ubwo Colonel BIZIMUNGU, ari kumwe n'itsinda ryari rimuherekeje, yasuraga iki Kiraro cya Mwogo.

Yakiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI wari kumwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere.

Ikiraro cya Mwogo ni igikorwaremezo gifite uruhare rukomeye mu guhuza Akarere ka Nyamagabe n'Uturere twa Nyanza na Ruhango, kikaba gifasha abaturage, abacuruzi n'abandi bakoresha umuhanda gihuza mu ngendo no mu bucuruzi.

Mu gihe imirimo yo kuvugurura iki kiraro ikomeje, Umunyamabanga wa Leta muri MININFRA, Col. Claudien BIZIMUNGU yasabye ko hakorwa ibishoboka byose kugira ngo iyo mirimo yihutishwe kandi ibe yujuje ubuziranenge.

Yaragize ati: "Turabasaba kwihutisha imirimo kugira ngo imvura yo muri Nzeri itazongera guhungabanya imigenderanire y'abaturage. Iki kiraro ni ingenzi ku baturage b'Akarere ka Nyamagabe n'utundi Turere gihuriza hamwe."

Yagaragaje kandi ko hakwiye kwitabwa by'umwihariko ku buryo imirimo ikorwa kugira ngo imvura idateze ibibazo ku bakoresha uyu muhanda, cyane cyane abanyeshuri bawunyuramo bajya cyangwa bava ku mashuri.

Ati : "Ni ngombwa ko hakorwa ibishoboka byose kugira ngo amazi y'imvura atazahagarika ingendo z'abaturage n'abanyeshuri. Turashaka ko ibikorwa by'ingenzi by'imibereho n'ubukungu bikomeza nta nkomyi."

Kuvugurura Ikiraro cya Mwogo bizafasha gukomeza imigenderanire, ubwikorezi n'ubuhahirane hagati ya Nyamagabe, Nyanza na Ruhango, ndetse binagire uruhare mu korohereza abanyeshuri n'abandi baturage bakoresha iyi nzira buri muni.

Akarere ka Nyamagabe gakomeje gukorana n'inzego zitandukanye mu gukurikirana ibikorwa remezo bigamije guteza imbere imibereho y'abaturage no koroshya ibikorwa by'ubukungu.

KAMAZE GUTERA



Abaturage b'Umurenge wa Kamegeri bamuritse ibyo bagezeho

Ku wa 07 Kanama 2026, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, yasabye abaturage b'Akarere gukomeza kurangwa n'ubumwe, gukunda umurimo no kuwunoza, ashimangira ko ari byo bizafasha Akarere gukomeza gutera imbere.

Ibi yabivuze ubwo yari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Thaddée HABIMANA mu birori byo kwizihiza Umunsi w'Umuganura byabereye mu Murenge wa Kamegeri.

Ibirori by'Umuganura byatangiye hamurikwa bimwe mu bikorwa by'abaturage b'Umurenge wa Kamegeri, by'umwihariko ibyo mu buhinzi, mu bworozi no mu bukorikori.



Visi Meya HABIMANA mu kiganiro ku bikibangamiye umuryango

Mu butumwa yagejeje ku baturage, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, yavuze ko Umuganura atari umunsi wo kwishimira umusaruro gusa, ahubwo ari n'umwanya wo gusuzuma ibyagezweho no guteganya ibikwiye gukorwa kugira ngo iterambere rikomeze.

Yaragize ati: "Umuganura ni umuco mwiza twasigiwe n'abakurambere, ugamije gushimira ubuyobozi ku musaruro twagezeho no kuwusangira mu mahoro no mu bwuzuzanye.

Ni umwanya wo gusuzuma aho tugeze, kwishimira ibyiza twagezeho no gufata ingamba zo gukomeza gutera imbere."

Yagaragaje ko Akarere ka Nyamagabe kateye intambwe mu nzego zitandukanye, zirimo kongera umusaruro w'ubuhinzi, guteza imbere ibikorwa remezo, uburezi n'ubuzima.

Ati: "Mu Karere kacu, twishimira intambwe imaze guterwa mu kongera umusaruro w'ubuhinzi, harimo uw'ibirayi, imboga n'ibijumba, ndetse no guteza imbere ibikorwa remezo, uburezi, ubuzima n'ibindi bikorwa bifasha abaturage kuzamura imibereho yabo."

Mu gihe abaturage bishimiraga umusaruro n'ibikorwa bagezeho, Umuyobozi w'Akarere yabasabye kandi gukomeza kugira uruhare mu gukemura ibibazo bishobora kubangamira iterambere ry'ingo n'umuryango Nyarwanda.

Yabasabye by'umwihariko kwirinda amakimbirane mu miryango, no gukora ibishoboka byose kugira ngo abana ntibate ishuri.

NYAMAGABE: UBUYOBOZI N'AMADINI N'AMATORERO BASANZE IMIKORANIRE ARI INKINGI Y'ITERAMBERE RY'ABATURAGE



Meya NIYOMWUNGERI mu nama n'abahagarariye amadini n'amatorero mu Karere

Ku wa 13 Kanama 2026, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, yagiranye ibiganiro n'abahagarariye amadini n'amatorero akorera mu Karere, bigamije kurebera hamwe imikorere n'uburyo inzego zombi zakomeza kunoza imikoranire mu nyungu z'abaturage.

Ibiganiro byabaye umwanya wo kungurana ibitekerezo ku ruhare rw'amadini n'amatorero mu gufasha abaturage, guteza imbere imibereho myiza no gukomeza kubaka umuryango nyarwanda ushingiyeye ku ndangagaciro nziza.

Mu biganiro, hibanzwe ku kamaro ko gukomeza imikoranire myiza hagati y'Akarere n'amadini n'amatorero, cyane cyane mu guhuza imbaraga mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho y'abaturage no guteza imbere gahunda zitandukanye z'igihugu.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe yashimangiye ko amadini n'amatorero ari abafatanyabikorwa bakomeye b'Akarere, bityo ko hakenewe ubufatanye bushingiyeye ku bwumvikane, kubahana no gukorera hamwe.

Yaragize ati: "Iyo ubuyobozi, amadini n'amatorero dukorera hamwe, ubutumwa bugera ku baturage burushaho kugira imbaraga. Dukeneye gukomeza imikoranire myiza kugira ngo ibyo dukora bigire uruhare rufatika mu mibereho myiza n'iterambere ry'abaturage."

Abahagarariye amadini n'amatorero bagaragaje ko biteguye gukomeza kugira uruhare mu bikorwa bigamije iterambere ry'Akarere, cyane cyane mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge, uburere bwiza, kurwanya amakimbirane mu miryango no gufasha abatishoboye.

Ibiganiro byasojwe hafatwa umwanzuro wo gukomeza ubufatanye n'imikoranire ihoraho, kugira ngo inzego zombi zirusheho guhuza ibikorwa no gutanga umusanzu mu iterambere rirambye ry'abaturage ba Nyamagabe.



Meya NIYOMWUNGERI yasabye abahagarariye amadini n'amatorero kunga ubumwe

NYAMAGABE: MEYA NIYOMWUNGERI YASABYE ABAGORE GUKOresha SERIVISI Z'IMARI MU KURUSHAHO KWITEZA IMBERE



Meya NIYOMWUNGERI mu ifoto rusange n'abagore bitabiriye ubukangurambaga bwa "Gendana Konti"

Ku wa 14 Kanama 2026, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, yasabye abagore bo mu Karere gukoresha neza serivisi z'imari, by'umwihariko konti za banki n'izindi serivisi z'imari zifashisha telefoni igendanwa, kugira ngo zibafashe kwiteza imbere no kwihaza mu by'imari.

Ibi yabivuze ubwo yasozaga ubukangurambaga bwiswe "Gendana Konti" bugamije gushishikariza abagore gukoresha uburyo bwo kwishyurana hakoreshejwe telefoni ngendanwa, mu rwego rwo kubegereza serivisi z'imari no kubafasha kugira uruhare rufatika mu iterambere ry'ingo zabo.

Muri ubu bukangurambaga, abagore bashishikarijwe gukoresha ikoranabuhanga mu micungire y'amafaranga, kwizigama no gukoresha serivisi z'imari mu buryo bubafasha kubona igishoro no guteza imbere ibikorwa byabo bibyara inyungu.

Mu butumwa bwe, Meya NIYOMWUNGERI yashimangiye ko kugira konti y'amafaranga bidahagije, ahubwo ko icy'ingenzi ari ukuyikoresha neza no kuyibyaza umusaruro.

Yaragize ati: "Gufungura konti bigira igisobanuro nyacyo iyo ikora kandi neza. Mwebwe mwafunguje konti muzikoreshe mwaka inguzanyo, n'abatarazifungura bazahita babikora kuko bazaba babona ko ibyo mwakoze mutakinaga."

Meya NIYOMWUNGERI yavuze kandi ko abagore bafite amahirwe menshi yo kugera kuri serivisi z'imari, kubera ko hari serivisi zitandukanye begerejwe kandi bakaba boroherezwa kuzigeraho. Yabasabye kutareba konti nk'ahantu ho kubika amafaranga gusa, ahubwo bakazikoresha nk'igikoreshe kibafasha kwagura ibikorwa byabo, kubona inguzanyo no gushora imari mu bikorwa bibyara inyungu.

Ati: "Nta muntu ushobora gukira atabonye amafaranga kandi ntawe ushobora kuyabona atabigizemo uruhare."

Ubuyobozi bw'Akarere bugaragaza ko gukoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu kwishyurana no kubona serivisi z'imari bishobora gufasha abagore kurushaho kugira uruhare mu micungire y'amafaranga no guteza imbere ibikorwa byabo.

NYAMAGABE: ABAGORE BASABWE KUGIRA URUHARE RUFATIKA MU MATORA Y'INZEGO Z'IBANZE NO MU ITERAMBERE RY'IGIHUGU



Abitabiriye Inteko Rusange ya CNF mu ifoto rusange

Ku wa 20 Kanama 2026, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madamu Agnès UWAMARIYA, yayoboye inama y'Inteko Rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere, yagarutse ku ruhare rw'abagore mu matora y'abagize inzego zegerejwe abaturage ndetse no mu bikorwa by'iterambere ry'Akarere n'iry'Igihugu muri rusange.

Iyi nama yitabiriwe n'abahagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere (CNF), yatanze umwanya wo kungurana ibitekerezo ku buryo abagore bakomeza kugira uruhare rufatika mu bikorwa by'imiyoborere, by'umwihariko mu matora y'inzego zegerejwe abaturage yo mu mwaka wa 2026.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madamu Agnès UWAMARIYA yasabye abagore kutarebera amatora kure, ahubwo kuyitabira no gukoresha amahirwe bafite mu kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu.

Yaragize ati: “Uruhare rw'umugore mu miyoborere ntirugarukira ku kuba umuturage utora. Umugore ashobora no gutorwa, akagira uruhare mu gufata ibyemezo no mu gutanga umurongo w'iterambere ry'aho atuye.”

Inama yanagarutse kuri gahunda ya Nyamagabe GiraWigire, igamiye gufasha abaturage kwikura mu bukene no kubongerera ubushobozi bwo kwiteza imbere.

Abitabiriye inama basuzumye uruhare rw'abagore muri iyi gahunda, cyane cyane mu kwizigama, gukora ibikorwa bibyara inyungu, gucunga umutungo w'ingo no gukoresha neza amahirwe atandukanye abegerezwa.

Visi Meya UWAMARIYA yashimangiye ko umugore ufite ubushobozi bwo kwiteza imbere agira uruhare rukomeye mu iterambere ry'umuryango ndetse n'iry'Akarere.

Inama y'Inteko Rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere ka Nyamagabe yanagarutse ku zindi gahunda zigamiye guteza imbere imibereho y'abaturage no gukomeza uruhare rw'abagore mu iterambere ry'Akarere.

Abagore basabwe gukomeza gukorera hamwe, kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere no gukangurira bagenzi babo gukoresha neza amahirwe bashyiriweho.

Basabwe kandi kugira uruhare rufatika mu kurwanya amakimbirane mu miryango, kurwanya igwingira mu bana no guharanira ko abana badata ishyuri.

NYAMAGABE NA GIVEDIRECTLY MU BUFATANYE BWO GUFASHA IMIRYANGO 36,000 KWIVANA MU BUKENE BINYUZE MURI GAHUNDA YA “HABWA WIGIRE”



Meya NIYOMWUNGERI, abahagarariye Inzego z'Umutekano, aba ESs b'Imirenge hamwe n'abashyitsi baturutse mu Mushinga GiveDirectly mu ifoto rusange

Imiryango igera ku 36,000 yo mu Karere ka Nyamagabe izafashwa kubona amafaranga azayifasha kwiteza imbere no kwikura mu bukene, binyuze muri gahunda ya “Habwa Wigire” ishyirwa mu bikorwa ku bufatanye bw'Akarere n'Umushinga GiveDirectly.

Ibi byagarutsweho ubwo ku wa 20 Kanama 2026, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, yakiraga itsinda ryaturutse mu Mushinga GiveDirectly ryari riherekejwe n'intumwa ya Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC). Bagiranye ibiganiro byibanze ku myiteguro y'iki gikorwa n'uburyo Akarere na GiveDirectly bazafatanya kugira ngo amafaranga azahabwa iyi miryango agire uruhare mu mpinduka zirambye.

Gahunda ya “Habwa Wigire” igamije guha imiryango iri munsu y'umurongo w'ubukene inkunga y'amafaranga, izajyana no kuyifasha kuyakoresha mu buryo bufasha abayigize kwiteza imbere.

Meya NIYOMWUNGERI yashimiye GiveDirectly kuba yongeye gukorana n'Akarere ka Nyamagabe, ashimangira ko gahunda ya “Habwa Wigire” izongerera imbaraga ibikorwa byari bisanzwe bikorwa mu gufasha abaturage kwiteza imbere.

Ubuyobozi bw'Akarere buvuga ko guha umuturage amafaranga byonyine bidahagije, ahubwo ko ari na ngombwa kumuherekeza no kumufasha kugira ubumenyi bwo kuyacunga no kuyabyaza umusaruro.

Gahunda ya “Habwa Wigire” ije mu gihe Akarere ka Nyamagabe gakomeje gushyira imbere gahunda zitandukanye zigamije gufasha abaturage kuva mu bukene, kongera ubushobozi bw'ingo no kubaka umuco wo kwigira zirimo Nyamagabe GiraWigire ishyirwa mu bikorwa ku bufatanye bw'Akarere n'Umushinga BRAC-UPGI.

Kuba imiryango igera ku 36,000 izagerwaho n'iyi gahunda bitanga amahirwe yo kwagura uru rugendo, cyane cyane ku miryango ikeneye igishoro kugira ngo itangire cyangwa iteze imbere ibikorwa bibyara inyungu. Ku bufatanye bw'Akarere, Umushinga GiveDirectly na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), hitezwe ko iyi gahunda ya “Habwa Wigire” izafasha imiryango kubona ubushobozi bwo kwishakamo ibisubizo by'ubukene.

Muri uru rugendo, Akarere kazagira uruhare mu gutegura no guhugura abazahabwa aya mafaranga, kugira ngo bayakoreshe neza kandi bayabyaze umusaruro.

ITSINDA RYATURUTSE MURI BANGLADESH RYASHIMYE UBURYO GAHUNDA YA NYAMAGABE GIRAWIGIRE ISHYIRWA MU BIKORWA



Visi Meya HABIMANA yakira itsinda ryaturutse muri Bangladesh ryari rije kwigira kuri gahunda ya Nyamagabe GiraWigire

Ku wa 26 Kanama 2026, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, yakiriye itsinda ryaturutse muri Bangladesh, ryari riherekejwe na Bwana Christophe NDAHIMANA waturutse muri BRAC-UPGI, umufatanyabikorwa w'Akarere mu gushyira mu bikorwa gahunda ya Nyamagabe GiraWigire.

Uru ruzinduko rwari rugamije kureba uko gahunda ya Nyamagabe GiraWigire ifasha abaturage kwikura mu bukene ishyirwa mu bikorwa, uburyo abaturage bayigiramo uruhare ndetse n'imikoranire hagati y'Akarere n'abafatanyabikorwa batandukanye.

Basuye Nyamagabe Graduation Hub, ibiro bikoreramo itsinda rishinzwe guhuza no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Nyamagabe GiraWigire.

Nyuma yaho, bahuye n'Abajyanama b'Imibereho Myiza n'Iterambere (Para-Social Workers) bo mu Murenge wa Gasaka, basobanurirwa uruhare bagira mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda.

Basuye kandi umuryango uri muri gahunda ya Nyamagabe GiraWigire mu Murenge wa Gasaka.

Bashimye by'umwihariko uburyo Akarere ka Nyamagabe kadashyira mu bikorwa iyi gahunda konyine, ahubwo gahuriza hamwe abafatanyabikorwa batandukanye, buri wese akagira uruhare mu kugera ku ntego rusange zayo.

Bashimye kandi uburyo gahunda ya Nyamagabe GiraWigire yinjijwe mu mikorere y'Akarere, aho ibikorwa byayo bishyirwa mu bikorwa n'amashami atandukanye ndetse hakifashishwa n'ingengo y'imari y'Akarere mu gushyigikira mu bikorwa ibijyanye nayo. Nyamagabe GiraWigire ishyira umuturage ku isonga, ikamufasha kubona ubumenyi, amahirwe n'ubushobozi bimufasha kwikura mu bukene no kwigira.

Muri iyi gahunda, Abajyanama b'Imibereho Myiza n'Iterambere (Para-Social Workers) bafite uruhare rukomeye mu gukurikirana abaturage ku rwego rw'ingo, mu gihe Nyamagabe Graduation Hub ikora nk'ihuriro rihuza ibikorwa n'abafatanyabikorwa ndetse igakurikirana uko gahunda ishyirwa mu bikorwa.



Itsinda ryaturutse muri Bangladesh ryasuye Nyamagabe Graduation Hub

NYAMAGABE: ABAKORA MU RWEGO RW'UBUZIMA BASABWE GUSHYIRA UMUTURAGE KU ISONGA MU KURENGERA UBUZIMA BWE



***Visi Meya UWAMARIYA yasabye abakora mu
rwego rw'ubuzima kurushaho kwita ku
babagana***

Ku wa 26 Kanama 2026, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madamu Agnès UWAMARIYA, yasabye abakozi bo muri serivisi z'ubuzima kurushaho kunoza serivisi baha ababagana.

Ibi yabivuze ubwo yayaboraga inama nyunguranabitekerezo y'ubuzima (Health Coordination Meeting) yateguwe ku bufatanye bw'Akarere ka Nyamagabe n'Umuryango uharanira kuzamura no gusigasira ubuzima bw'umuryango nyarwanda (SFH Rwanda), igamije gusuzuma imikorere n'imikoranire mu rwego rw'ubuzima.

Iyi nama yahuje abayobozi b'Ibigo Nderabuzima byo mu Karere n'abandi bafatanyabikorwa mu rwego rw'ubuzima, baganira ku mikorere y'Ibigo Nderabuzima n'Amavuriro y'Ibanze (Health Posts), ndetse n'uburyo serivisi zihabwa abaturage zakomeza kunozwa.

Visi Meya Agnès UWAMARIYA yasabye abayobozi b'Ibigo nderabuzima n'abandi bakozi b'ubuzima gushyira imbaraga mu kwita ku babagana, kuko inshingano yabo ya mbere ari ukurengera ubuzima bw'umuturage.

Yaragize ati: “Mugomba gukora uko mushoboye kose mukita ku babagana. Icyo dushinzwe mbere na mbere ni ukurengera ubuzima bwabo. Umuturage uza ku kigo nderabuzima aba afite icyizere ko ari bwo bufasha agiye kuhakura, kandi icyo cyizere tugomba kukibungabunga.”

Yashimangiye ko ubuyobozi bw'Ibigo Nderabuzima bukwiye gukurikirana imitangire ya serivisi buri muni, kumenya ibibazo abaturage bahura na byo no gushaka ibisubizo byihuse.

Mu byaganiriweho muri iyi nama harimo imikoranire hagati y'Akarere na SFH Rwanda, imitangire ya serivisi mu bigo nderabuzima, imitangire y'imiti itangwa n'Ikigo gishinzwe Kugura no Gukwirakwiza Imiti mu Rwanda (RMS), uburyo iyo miti yishyurwa ndetse n'imbogamizi ibigo by'ubuvuzi bihura na zo mu mikorere ya buri muni.

Abitabiriye inama kandi bunguranye ibitekerezo ku bisubizo byafasha gukemura izo mbogamizi, kugira ngo Ibigo Nderabuzima bikomeze gutanga serivisi nziza, zihuse kandi zinoze ku baturage.

NYAMAGABE: URUBYIRUKO RWAHIZE URUNDI MU MIRENGE MURI YOUTH CONNEKT NA ARTS CONNEKT AWARDS 2026 RWAHATANYE KU RWEGO RW'AKARERE



Rumwe mu rubyiruko rwitabiriye Youth Connect na Arts Connect Awards 2026

Ku wa 27 Kanama 2026, urubyiruko rwo mu Mirenge itandukanye igize Akarere ka Nyamagabe rwahuriye ku cyicaro cy'Akarere mu marushanwa ya Youth Connect na Arts Connect Awards 2026 ku rwego rw'Akarere, aho rwagaragaje imishinga n'impano zitandukanye bifite ubushobozi bwo gutanga ibisubizo ku bibazo byugarije abaturage no guteza imbere ubukungu.

Aya marushanwa yahuje imishinga y'urubyiruko yahize indi mu Mirenge yose igize Akarere, aho abitabiriye basobanuye imishinga yabo kandi bagaragaza udushya n'ubushobozi bafite mu nzego zitandukanye.



Urubyiruko rwagaragarije akanama nkemurampaka imishinga yarwo

Mu byiciro byari bihataniwemo harimo ubuhinzi n'ubworozi, imitangire ya serivisi, ikoranabuhanga, ubukorikori, ubwanditsi bw'ibitabo, ubuhanzi mberajisho ndetse n'ubuhanzi nserukarubuga.

Amarushanwa ya Youth Connect na Arts Connect Awards agamije guteza imbere impamo, udushya n'imishinga by'urubyiruko, kuruha urubuga rwo kugaragaza ibyo rushoboye no kuruhuza n'amahirwe ashobora kurufasha kwagura ibikorwa byarwo.

Mu mishinga y'ubuhinzi n'ubworozi, urubyiruko rwagaragaje uburyo rushobora gukoresha ubumenyi n'ikoranabuhanga mu kongera umusaruro no guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi bwa kijyambere.

Mu bijyanye n'ikoranabuhanga n'imitangire ya serivisi, abitabiriye amarushanwa bagaragaje ibisubizo bishya bigamije koroshya serivisi no gukemura ibibazo abaturage bahura na byo.

Mu cyiciro cy'ubuhanzi, urubyiruko rwarimo abahanga mu bwanditsi bw'ibitabo, ubuhanzi mberajisho n'ubuhanzi nserukarubuga, rwerekanye impamo zarwo ndetse n'uburyo zishobora kuvamo imirimo n'amahirwe y'iterambere.

Aya marushanwa kandi aha urubyiruko amahirwe yo kumenyekanisha ibikorwa byarwo, kunguka ubunararibonye no guhatanira guhagararira Akarere mu nzego zikurikiraho.

NYAMAGABE: RWAMREC NA TECHNOSERVE BAGIYE GUFASHA ABAGORE N'URUBYIRUKO BAKORA UBUHINZI N'ABAGUZI



Visi Meya UWAMARIYA yakiriye Umuyobozi wa RWAMREC, Madamu MUKANKOMEJE

Ku wa 27 Kanama 2026, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madamu Agnès UWAMARIYA, yakiriye Madamu MUKANKOMEJE Rosette, Umuyobozi w'Umuryango Nyarwanda Ugamije Guteza imbere Uburinganire n'Ubwuzuzanye hagati y'Abagabo n'Abagore (RWAMREC), ari kumwe n'itsinda ryari rimuherekeje.

Bakoranye inama nyunguranabitekerezo n'ubuyobozi bw'Akarere, aho RWAMREC yagaragariye Akarere ibikorwa by'Umushinga ReGenerate Rwanda, uzashyirwa mu bikorwa na RWAMREC ku bufatanye na TechnoServe mu Mirenge ya Cyanika na Gasaka.

Uyu mushinga uzibanda ku guhuza abahinzi n'abaguzi, by'umwihariko ugashyira imbaraga mu bagore n'urubyiruko, hagamijwe kubafasha kubona amasoko y'umusaruro, kongera ubushobozi bwo gukora ubuhinzi bubabyarira inyungu no kugira uruhare runini mu bukungu.

Madamu MUKANKOMEJE Rosette yashimiye Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe ku bufatanye busanzwe hagati y'Akarere na RWAMREC.

Yaragize ati: "Turashimira Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe ku bufatanye bwiza dusanzwe dufitanye. Ubu bufatanye butuma ibikorwa byacu bigera ku baturage kandi bikagira uruhare mu mpinduka zigaragara mu mibereho yabo."

Yavuze kandi ko umushinga ReGenerate Rwanda uzongerera imbaraga izo gahunda, cyane cyane mu gufasha abagore n'urubyiruko kugira ubushobozi bwo kwiteza imbere binyuze mu bikorwa by'ubukungu.

Yagaragaje kandi ko RWAMREC isanzwe ikorera mu Karere muri gahunda zitandukanye, zirimo guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagore n'abagabo ndetse no kurwanya ihohoterwa rikorerwa mu ngo.

Visi Meya Agnès UWAMARIYA yashimiye RWAMREC ku musanzu wayo mu bikorwa bigamije kongerera abaturage ubushobozi, by'umwihariko binyuze mu matsinda ikorana na yo mu Mirenge itandukanye.

Yaragize ati: "Turashimira RWAMREC ku musanzu wayo mu kubakira abaturage ubushobozi. Kuba ikorana n'amatsinda y'abaturage mu Mirenge itandukanye bifasha abantu kongera ubumenyi, kwigirira icyizere no kugira uruhare mu iterambere ryabo."

Yashimangiye ko ibikorwa byo guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagore n'abagabo ari ingenzi mu kubaka ingo n'umuryango utekanye, ndetse no guteza imbere abagore n'urubyiruko mu bukungu.

MU MUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA KANAMA 2026, ABATURAGE BA GASAKA BASABWE KURUSHAHO KWITA KU ISUKU NO KURWANYA IBIRIBWA N'IBINYOBWA BITUJUJE UBUZIRANENGE



Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madamu UWAMAHORO na Visi Meya HABIMANA mu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Kanama 2026

Ku wa 29 Kanama 2026, abaturage bo mu Murenge wa Gasaka bifatanyije n'ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe mu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Kanama 2026, aho bibanze ku isuku n'isukura mu Muji wa Nyamagabe, mu rwego rwo kugira umuji usukuye kandi utekanye.

Umuganda wayobowe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO, ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, ndetse n'abahagarariye Inzego z'Umutekano.

Abaturage bakoze ibikorwa bitandukanye by'isuku mu bice bitandukanye by'Umuji wa Nyamagabe, basukura ahantu hahurira abantu benshi ndetse n'ahandi hakenerwa isuku.

Nyuma y'Umuganda, Visi Meya Thaddée HABIMANA yashimiye abaturage ku bwitange bagaragaje no ku musanzu batanze mu isuku y'Umuji.

Yasabye abaturage gukomeza kugira uruhare mu kurwanya ibinyobwa n'ibiribwa bitujuje ubuziranenge, kuko bishobora guteza ibibazo ku buzima bwabo.

Ati: "Turabasaba gukomeza kurwanya ibinyobwa n'ibiribwa bitujuje ubuziranenge, kuko ubuzima bwacu ari bwo bwa mbere. Turabasaba kandi kwandukiza abitabye Imana mukoresheje telefoni zigendanwa, kugira ngo amakuru y'imibereho y'abaturage akomeze kuba yuzuye kandi agezweho."

Basabwe kandi gutanga umusanzu wunganira Leta muri gahunda yo gufasha abana gufatira amafunguro ku ishuri no gutangira kwitegura igihembwe cy'ihinga 2027A, by'umwihariko biyandikisha muri Smart Nkunganire, izabafasha kubona serivisi n'inkunga zijyanye n'ubuhinzi.

Nyuma y'Umuganda kandi, ISHEMA SACCO Nyamagabe yashyikirije Akarere sheki ya miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda azifashishwa mu gufasha abaturage batishoboye kwishyura Umusanzu w'Ubwisungane mu Kwivuza (MUSA) w'umwaka wa 2026-2027.



Ubuyobozi bwa ISHEMA SACCO Nyamagabe bwashyikirije ubw'Akarere sheki ya miliyoni 2

ABAGORORWA 78 B'ABAGORE BAHAMIJWE IBYAHA BYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 BATANGIYE AMAHUGURWA Y'UBUMWE N'UBUDAHERANWA



Visi Meya UWAMARIYA aganiriza abagororwa bari kurangiza ibihano

Ku wa 31 Kanama 2026, mu Igororero rya Nyamagabe hatangijwe icyiciro cya cyenda cy'amahugurwa ku kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, agenewe abagororwa bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bitegura gusoza ibihano.

Aya mahugurwa yatangijwe na Madamu Kayumba Alice, Umuyobozi Nshingwabikorwa ushinze Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda muri Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), akaba yaritabiriwe n'abagororwa b'abagore 78.

Mu butumwa yagejeje ku bagororwa, Kayumba Alice yabasabye gukoresha aya mahugurwa nk'amahirwe yo kwiyubaka no gutegura neza ubuzima bazagira nyuma yo kurangiza ibihano, cyane cyane mu bijyanye no kongera kubana neza n'abo basanga mu muryango nyarwanda.

Yaragize ati: "Mwirinde kuba intandaro y'icyahungabanya Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, ahubwo mugire uruhare mu kubwubaka no kubusigasira."

Ku ruhande rw'Akarere, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madamu Agnès UWAMARIYA, yashimangiye ko gutegura abagororwa bagiye kurangiza ibihano ari ingenzi mu kubafasha gusubira mu muryango bafite imyumvire ibafasha kubana neza n'abandi.

Aya mahugurwa yatanze mu rwego rwa gahunda ya MINUBUMWE ifatanyije n'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS), yo gutegura abagororwa bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bitegura kurangiza ibihano.

Ni gahunda igamije kubafasha gusobanukirwa uruhare rwabo mu kongera kubana neza n'abandi, kwirinda isubiracyaha, no kugira uruhare mu kubaka umuryango nyarwanda urangwa n'Ubumwe n'Ubudaheranwa.

Abagororwa bitabiriye aya mahugurwa basabwa kandi kuzubakira ku kuri, kubaha abandi no kugira uruhare mu gukomeza kubaka icyizere hagati yabo n'abo basanga mu muryango, cyane cyane abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Icyiciro cya cyenda cy'aya mahugurwa kizibanda ku ngingo zitandukanye zijyanye n'amateka y'u Rwanda, Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside n'amacakubiri, ndetse n'inshingano z'abarangije ibihano mu kubaka umuryango nyarwanda utekanye kandi urangwa n'imibanire myiza.

This Newsletter was produced

by

Callixte NDAGIJIMANA

**Public Relations, Media and
Communication Officer**

Contacts:

Email: pro@nyamagabe.gov.rw

Phone: +250783353060

www.nyamagabe.gov.rw